

RAPORO Y'IHURIRO RYA 11 RYA

UNITY CLUB *INTWARARUMURI*

Kigali 26 - Ukwakira 2018.



Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club

Insanganyamatsiko : *"Ndi Umunyarwanda: Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango"*

I. IRIBURIRO

Kuwa 26 Ukwakira, mu Intare Conference Arena' i Rusororo, Unity Club INTWARARUMURI, mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye (NURC), bahuje abanyamuryango n'abandi batumirwa mu Ihuriro rya 11, rifite insanganyamatsiko igira iti **"Ndi Umunyarwanda: Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango."** Ihuriro rya 11 ryagarutse ku rugendo rwa Ndi Umunyarwanda no kwiga uko rwanzwa ngo rushinge imizi mu muryango no mu rubyiruko.

Mu ihuriro rya 11 rya Unity Club hatumiwe urubyiruko ruhagarariye abandi, ngo rugaragarize abakuru, ababyeyi, abayobozi, ibyifuzo byarwo n'uko bafashwa mu kwiyeuka.

Impamvu y'insanganyamatsiko

Ihuriro rya 11 ryagarutse kuri *Ndi Umunyarwanda*, nk'inkingi yo kubaka amahoro mu muryango uyu munsu n'ejo hazaza.

Iyi nsanganyamatsiko kandi irahuza na bimwe mu byemezo-ngiro byaganiriweho ubwo hasozwaga Ihuriro rya 10. Birimo:

- Gukomeza gushyigikira gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'izindi ziyubakiyeho, igashyirwamo imbaraga; kwimakaza ubunyarwanda, ubumwe n'ubwiye mu Banyarwanda, abatuye mu gihugu n'ababa mu mahanga.
- Uguhuza uburezi n'uburere tukagira umuryango igicumbi cy'indangagaciro zubaka umuryango n'igihugu, dushingiye ku bibazo bigaragara mu muryango nyarwanda'.
- Nk'urwego rwari rwafashe iya mbere mu gushyira ku murongo ibitekerezo n'inkingi byubatswe gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, mu bufatanye n'izindi nzego, nk'ababyeyi kandi nk'abayobozi, twasanze bikwiye kugaruka kuri iyi nzira kugira ngo tuyihe imbaraga n'ubuhanga biyikwiriye, tugendeye ku byakozwe n'ibyavuyemo.

Bityo rero kubaka amahoro bihamye nk'uko Igihugu cyabyiyemeje, ni ukuyashyira mu muryango, ni ukwuhanga amahirwe yo kongera kuba igicumbi cy'uburere-muntu, n'uburere-mboneragihugu.

I.1. Intego z'ihuriro rya 11

Intego rusange:

Kubaka mu muryango gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, ukaba igicumbi koko cy'amahoro n'iterambere birambye no kubiremamo umwanya ukwiye w'urubyiruko, ruzaragwa UBUDASA bw'u Rwanda, rufite ububasha bwo kugena no guhitamo icyerekezo kibereye u Rwanda.

Intego zihariye:

1. Guhuza ibitekerezo ku ruhare rw'umuyobozi mu kunoza *Ndi Umunyarwanda* nk'inzira yo kwomora ibikomere mu muryango bwite no mu muryango wa bugufi.
2. Gufata umwanya wo gusesengura inshingano dufite nk'ababyeyi, nk'abakuru kandi nk'abayobozi, mu kumva no kwakira impamvu hakomeje kugaragara ukudahuza no kudahererekanya umurage hagati y'abakuru n'abo baruta (Utaganiriye na se kandi...)
3. Kubaka urubuga rw'ibiganiro mu Ihuriro ry'Intwararumuri, abato bacu bagahabwa umwanya wo gusangiza ubusesenguzi bwabo, ku rwego rwabo rw'abato babyirukira mu Rwanda rwa nyuma ya jenocide.
4. Gutanga imirongo migari y'inzira ikwiriye gahunda ya *Ndi Umunyarwanda* mu muryango no mu rubyiruko, bikoranywe ubuhanga n'ubumenyi mu byo kurera no kubungabunga ibikomere by'amateka adasanzwe nk'ay'u Rwanda, hagaragazwa inzira y'ubudaheranwa.

I.2. Umusaruro utegerejwe muri iri huriro rya 11

1. Ihuriro rya 11 rigarutse ku rugendo rwa *Ndi Umunyarwanda* no kwiga uko rwanozwa ngo rushinge imizi mu muryango, no mu rubyiruko, kandi rukomeze.
2. Nk'ababyeyi, abarezi, n'abayobozi, abari mu Ihuriro bemeye kandi bagarutse ku nshingano yo gutuma "kuganira hagati y'abakuru n'abato"

byubakirwa urubuga ruhuje n'UBUDASA bw'u Rwanda, hitawe ku mpembe zombi, bikoranywe ubumenyi n'ubushobozi.

3. Hasangiwe ubusesenguzi budasa ku isura y'ukubwirukira mu Rwanda uyu munsu (ku bana no ku babyeyi), bafatanije kurema intango yo guhuza no kuzuzanya hagati y'abakuru n'abato.
4. Herekanywe ko urubwiruko ari rwo shingiro ry'amahoro arambye kuko ari bo ejo h'u Rwanda, ariko igicumbi cy'amahoro kikaba mu murango, hagaragajwe inzira yo guhuza izi nshingano.

II. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO

Imirimo y'ihuriro yabaye umunsi umwe, mu bice bibiri:

- **Igice cya mbere**, Ihuriro ryaranzwe n'ikiganiro-mbwirwaruhame ibiganiro nyunguranabitekerezo mu nteko rusange, ibiganiro mu matsinda no gusangira imirongo migari y'ibyagaragajwe n'amatsinda.
- **Igice cya kabiri**, Imirimo y'Ihuriro rya 11 yashojwe n'umugoroba w'ubusabane, habamo gusangira ubuhamya bw'Abarinzi b'Igihango no kubaha ishimwe ry'ubumwe(unity award).

IGICE CYA MBERE



Umuyobozi Mukuru wa Unity Club ageze mu cyumba cy'inama, aramutsa abitabiriye Ihuriro

II.1. Gutanga ikaze:

Umuyobozi Mukuru wungirije wa Unity Club, Hon. Oda Gasinzigwa, mu ijambo ry'ikaze, yashimangiye ko muri iri huriro haza guhererekanywa amateka hagati y'abakuru n'abato, rikaza gusozwa hafatwa ingamba zihamye zo gusigasira umuryango Nyarwanda n'Igihugu.

II.2. Ibiganiro

1. Ikiganiro mbwirwaruhame:

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye yagaragaje **"urugendo rwa Ndi Umunyarwanda"**.

2. Ibiganiro nyungurana bitekerezaho:

Hatanze ibiganiro nyunguranabitekerezaho bibiri, aribyo:

a) "Tubwirukira aho mwaturaze, uko twahasanze." (cyatanzwe n'urubyiruko), abantu bakiri bato (abari bato mu gihe cya jenocide n'abavutse nyuma), bakomoka mu miryango itandukanye, ariko bahuriye ku kwibaza "kubwirukira mu bihe nk'ibyo bakuriramo. Urubyiruko baganiraye ku uruhare rwabo uyu munsu mu kwanga gucika kandi bafite iwabo (Umuryango n'Igihugu)" no kugera ku bituma bashobora gukomeza kubaho, batanga imbere kandi ari impano y'amahoro arambye mu Rwanda.

b) "Ndi Umunyarwanda, icyomoro n'igihango, inkingi y'amahoro arambye mu muryango, hitawe ku rubyiruko by'umwihariko". Gikubiyemo ibice bitatu byuzuzanya n'ijambo ry'abato ku buryo bukurikira:

- **Guherekanya umurage n'ubumenyi mu muryango, imwe mu nkingi eshatu gahunda ya Ndi Umunyarwanda yubakiweho.**

Ikiganiro cyagarutse ku mugani w'I Kinyarwanda *"Utaganiraye na Se, ntamenya icyo Sekuru yasize avuze"*. Iyi ni inshingano uvukira i Rwanda wese asanga, ariko amateka yacu yashyizemo inzitizi. Iyo wisanze "So" na "Sogokuru" badahari cyangwa batagishoboye kuba mu mwanya wabo, ni he uyu mugani waba utwerekeza?

Guhererekanya umurage w'amateka y'umuryango bwite, y'umuryango wa bugufi, na mbere yo kuvuga amateka y'u Rwanda, abahanga mu by'amateka arangwamo amakimbirane n'ibikomere bitandukanye, basobanuye ko ari ikintu kigoranye.

Kwakira ko inshingano yo guhererekanya umurage mu muryango, bitashoboye gukorwa uko bikwiye, ni ukubigarura muri gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, igashinga imizi mu muryango. Amashuri, amatorero, abaturanyi, inzego zubatswe n'ubuyobozi n'ibindi bikaza bisanganira ibyakozwe mu muryango (hagahuzwa uburere n'uburezi).

Abatanze ikiganiro bagaragaje ko kudatanga uwo murage, ari ugutatira ukubaho kw'abato bacu, byaba ari ukubatega aho kubaramira, ni ukubima amahirwe yo kuzasarura imbuto nzima zeze ku bikorwa bivunanye kugira ngo u Rwanda rwongere rubyare ruheke, mu mahoro.

- ***Ndi Umunyarwanda*, urugendo rwomora ibikomere by'amateka, rugarura igihango cyatatiwe n'abakuru, rukakiraga ababyiruka b'u Rwanda, mu cyerekezo cyuje ubudaheranwa.**

Ndi Umunyarwanda, idufasha komora ibikomere, ariko tugomba kubanza kwemera ko biriho, kandi biteye ukwinshi no kubyakira uko biri nta guca urubanza nta no kwirengagiza ukuri. Ni ukugaruka ku nzira yubatse ibikomeretsa ugatandukanya ingengabitekerezo mbi na kamere y'umuntu kuko nta muntu uba mubi bishingiye k'uko yavutse, bituruka k'uko yabayeho n'uko yahisemo gukomeza. Kubera ko hari abanze guhara u Rwanda, bagakomera ku gihango (mu byiciro byinshi bitandukanye), bakaba intango yo kwanga gupfa kw'u Rwanda, bakubaka inzira y'ubudaheranwa turimo, nguwo umurage ukwiriye abato bavuka mu Rwanda, ngo bahangire ukubaho kwabo ku gihango Umunyarwanda afitanye n'Urwamubyaye, kuva kuri Gihanga wahanze u Rwanda kugeza ingoma ijana.

- ***Ndi Umunyarwanda*, mu gusubiza umuryango inshingano zawo nk'igicumbi cy'uburere n'indangagaciro z'Umunyarwanda.**

Uburere n’uburezi ni amapfundo abiri y’ibintu biha imbaraga umuryango, umuryango bwite, uwa bugufi, urungano, abaturanyi, inzego zitandukanye, bihuze ariko hibandwe ku muryango abato babyirukiramo. Gahunda y’uburere n’uburezi bihuriye kuri *Ndi Umunyarwanda* yinjiye kandi itekaniye mu muryango, byombi ni magirirane.

II.3. Imirimo mu matsinda:

Buri tsinda ryagarutse ku ngingo imwe yihariye y’ikiganiro cya kabiri. (**“Ndi Umunyarwanda, icyomoro n’igihango, inkingi y’amahoro arambye mu muryango, hitawe ku rubyiruko by’umwihariko”**). Ibitekerezo bikuru byatanzwe, byarasesenguwe, ibivuyemo biba intango z’ibyemezo-ngiro.

Buri tsinda ryasabwe:

- Kugaruka ku kiganiro cy’Urubyiruko **“Tubyirukira aho mwaturaze, uko twahasanze ... »**, hasesengurwa kandi hashakirwa ibisubizo ku bibazo urubyiruko rukibaza.
- Kugaruka ku busesenguzi bwakozwe kuri gahunda ya *Ndi Umunyarwanda* no kuganira no kungurana ibitekerezo ku byakorwa kugira ngo Ndi Umunyarwanda ikomeze imbaraga yatangiranye, hirindwa ibyanenzwe, hanarebwa ibishya bitari byatekerejwe mbere.



Ihuriro rya 11 rya Unity Club Intwararumuri

II. 4. Gusoza igice cya mbere:

Ijambo ry'umuyobozi Mukuru wa Unity Club

Mu ijambo rya Nyakubahwa Jeannette Kagame, yahumuriye abana bagizwe imfubyi na Jenoside yakorewe Abatutsi, avuga ko iyo umuntu abarebye ababonamo icyizere, ati *"Ndifuzaga guhumuriza abato bagizwe imfubyi na Jenoside. Nigeze kubabwira ko iyo umuntu abarebye ababonamo icyizere ku buryo utatekereza ko mwakomeretse"*.

Madamu Jeannette Kagame avuga ko abakiri bato hari byinshi babonesheje amaso ndetse n'ibyo batabonye bikaba bibabera umuzigo, akaba abizeza ko nk'abakuru bazakomeza kubaba hafi.

Ati *"Hari byinshi mwarebesheje amaso y'abana, ubu bibaremereye. Hari n'ibyo mwabonye bikababera umutwari; ndetse hari n'ibyo mutaciye iryera ariko*

bibabera umuzigo. Hari bamwe muri mwe musa n'abibuka ibyo mutazi, kuko mwari bato cyane, Mwarakoze kubyumva kandi muri bato. Muhumure ababyeyi turahari, tuzakomeza gufashanya urugendo rwo kudaherwanwa mwatangiye".

Mu butumwa yageneye abakuru, yabasabye gukira ibikomere nyuma y'ibihe bigoye bacyemo ndetse binafite ingaruka ku buzima bwabo, kugira ngo batange urugero rwiza ku bato.

Ati "Twahanganye n'ibihe bigoye, bifite ingaruka z'igihe kirekire ku bana bacu. N'ubwo tutahindura amateka, hari byinshi twamaze gusobanukirwa, ariko na none ibisigaye ntibizikemura,... Dukwiriye kubanza gukira ibikomere ubwacu, kugira ngo dukize abato, tubahe umurage mwiza. Uko duhererekanya ibikomere n'ubudasa bw'u Rwanda, bigera no ku rubyiruko rwacu".

Arasaba abakiri bato kurushaho gukomeza gushaka icyateza imbere u Rwanda, bima icyuho uwo ari we wese washaka kubarebera mu ishusho y'abafitiye igihugu igihemu.

Yagize ati *"Uyu munsu, rero mumenye ko nta gihemu mufitiye Igihugu. Uwo ari we wese washaka kubarebera muri icyo shusho, ntumukamuhe uwo mwanyu, mukomeze kwiubakira u Rwanda".*

Abasaba gukoresha amahirwe bahawe n'ubuyobozi bw'Igihugu, barushaho gushakisha icyazana amahoro arambye, ndetse ko uko ariko gukira nyako, ibirenze kuri ibyo ngo iryo akaba ari naryo shami rya NdiUmunyarwanda.



Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, ageza ijamba kubitabiriye ihuriro rya 11

III. IGICE CYA KABIRI:

III.1. Umugoroba w'Ubusabane, Ubuhamya ku byaranze Abarinzi b'Igihango no gutanga ishimwe .

Umugoroba w'ubusabane wasozaga ihuriro rya 11 ry' Unity Club Intwararumuri, hanagaragajwe ibyemezo ngiro byafatiwe mu Ihuriro, byose bihuriye ku kubaka amahoro mu muryango Nyarwanda bijyanye n'insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "Ndi Umunyarwanda, Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango".

III.2. Ubuhamya bw'Abarinzi b'Igihango no Gutanga Ishimwe.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Bishop Rucyahana John, yasobanuye ko buri mwaka bafatanyaga na Unity Club Intwararumuri gushimira Abarinzi b'Igihango. Mu kubatoranya, yibukije ko hashingirwa ku gusuzuma imyitwarire yaranze ugirwa Umurinzi w'Igihango, harimo kuba yaragize uruhare mu kurwanya amacakubiri, Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Kuri iyi nshuro, hatoranyijwe Umuhanzi Rugamba Cyprien; Musenyeri wa Diyosezi ya Gikongoro, Hakizimana Célestin; wakoze byinshi birimo kurokora abantu barenga ibihumbi 2 bari bamuhungiyeho mu kigo cyitiriwe St Paul mu mujyi wa Kigali aho yari umupadiri mu 1994; Mukandanga Dorothée wari umuyobozi wa "Ecole des Sciences infirmières de Kabgayi" mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi' washimiwe byinshi birimo kurwana ku banyeshuri bagera kuri 50 n'Umuryango wa AERG ushimirwa ko hari ibibazo bishingiye kuri zimwe mu ngaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 byari bibangamiye abanyeshuri, washakiye ibisubizo.



Umugoroba wasoje ihuriro rya 11 hashimiwe abarinzi b'igihango ku rwego rw'Igihugu

Musenyeri Hakizimana mu izina rya bagenzi be, yashimiye Unity Club ariko agaragaza kwicisha bugufi, avuga ko iryo shimwe batari barikwiye kuko nta kidasanzwe bakoze, kubera imbaga yishwe.

Ati "N'icyakozwe cyose si umuntu wagikoze ku ngufu ze cyangwa ku mbaraga ze ahubwo ni Imana yabidufashijemo. Niyo igomba guhabwa ikuzo n'icyubahiro twe tugaca bugufi."

III.3. GUSOZA:

Ijambo rya Perezida wa Repubulika

Perezida wa Repubulika, Paul Kagame mu ijambo rye yashimiye Abarinzi b'Igihango ibikorwa bya kimuntu byabaranze mu bihe bikomeye, agaragaza ko ibi aribyo byagakwiye kuranga umunyarwanda nyawe. Agira ati, *"Ndi umunyarwanda, dore icyo nzana, dore icyo nzanira u Rwanda, dore icyo nzanira umuryango nyarwanda ni ikingiki niba ntacyo uri ntacyo, ku rwego rwa buri wese ugomba kwisuzuma ukavuga uti ndiki nibyo, rwose turabishimiye ariko uzanye iki? uzana iki mu bantu?."*

Umukuru w'Igihugu avuga ko urubuga rwo gutanga ibitekerezo rukwiye gukoreshwa na buri wese mu rugamba rwo gukomeza guteza imbere Igihugu binyuze mu bitekerezo byubaka umuryango nyarwanda, gusa ko buri gitekerezo gikwiye kubanza gusesengurwa neza.

Perezida Paul Kagame yagarutse k'ubuhamya bwa Musenyeri Hakizimana uko yitwaye mu gihe cya Jenoside, arengera abatutsi bari bamuhungiyeho kugeza n'aho yitesheje kujya gushyingura umubyeyi we, yanga kubasiga ngo batabica. Iryo ngo rikaba isomo ku Banyarwanda.

Ati "Uko ni uguhitamo guhereye ku myumvire y'agaciro ushaka kwiha cyangwa se uko uha agaciro ubuzima bw'abandi."

Yanashimiye abashyizwe mu cyiciro cy'Abarinzi b'Igihango bose, ati « *muri bo, mu mibereho yabo, hari uburyo biyubatse byatumye bakora kiriya gikorwa cyabaturutseho ariko kitabagarukiye. Bivugaga guha agaciro buri muntu, ndetse no kwitanga witangira mugenzi wawe."*



Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME, ageza ijambo kubitabitabiriye Ihuriro rya 11 rya Unity Club Intwararumuri

V. IMIGEREKA:

- 1. Gahunda n'Isobanurampamvu by'Ihuriro rya 11 rya Unity Club*
- 2. Ijambo rya Mme Jeannette Kagame, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club.*
- 3. Gahunda y'ishyirwamubikorwa ry'ibyemero-ngiro*

UMUGEREKA 1 :

GAHUNDA Y'UMUNSI

Igice cya 1 : Ibiganiro

MC - Min. UWIHANGANYE Jean de Dieu

07h30	Kuhagera kw'abatumirwa n'abanyamuryango ba Unity Club
8h30	Kuhagera kw'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club
8h35	Gutanga Ikaze 2nd Vice chairperson UC: Hon. Oda GASINZIGWA
8h40	Urugendo rwa Ndi Umunyarwanda Mr Fidèle NDAYISABA
8h50	Panel 1 / Tubwirukira aho mwaturaze, uko twahasanze... - Edouard BAMPORIKI - Solange TETERO - Iréné MIZERO - Tristan MURENZI - Charles HABONIMANA Moderator : Géraldine UMUTESI

09h50	Panel 2 / Ndi Umunyarwanda, icyomoro n'igihango, inkingi y'amahoro arambye mu muryango, hitawe ku rubyiruko by'umwihariko - Hon. Julienne UWACU - Hon. Dr. Richard SEZIBERA - Hon. Prof. Anastase SHYAKA Moderator : Dr Monique NSANZABAGANWA
10h30	Kungurana ibitekerezo
10h50	Imirimo mu matsinda + Coffee & Tea
13h20	Kumurika ibyavuye mu matsinda
13h35	Ibibazo - Ibisubizo
13h45	Kumurika Ibyemezo-ngiro
13h50	Ijambo ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Nyakubahwa Mme Jeannette KAGAME
14h00	Lunch

Igice cya 2 : Gutanga Ishimwe (Unity Award) mu mugoroba w'Igitaramo – KIGALI CONVENTION CENTRE

MC – Hon. Philbert NSENGIMANA & Hon. Diane GASHUMBA

18h30	Kuhagera kw'abatumirwa n'abanyamuryango ba Unity Club
20h00	Kuhagera kw'Umushyitsi Mukuru
20h05	Kwakira Umushyitsi Mukuru no kumurika ibyemezo-ngiro Hon. Philbert NSENGIMANA
20h15	Diner
21h45	Entertainment - Nyundo
21h55	Abarinzi b'Igihango, Umurage ubereye U Rwanda Bishop John RUCYAHANA
22h00	Gutanga ishimwe ku Barinzi b'Igihango Umuyobozi Mukuru wa Unity Club
22h15	Indirimbo Amasimbi n'Amakombe
22h20	Ijambo ryo gushima/ Umurinzi w'Igihango Musenyeri Célestin HAKIZIMANA
22h25	Ijambo ry'Umushyitsi Mukuru, Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
	Indirimbo & Imbyino Amasimbi n'Amakombe
	Ubusabane

ISOBANURAMPAMVU

IHURIRO RYA 11 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

“Ndi Umunyarwanda: Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango”

Iriburiro

U Rwanda rumaze gutera intambwe ndende mu kwiubaka, byose bishingiye ku buyobozi bwiza dukesha umutekano, amahoro n’iterambere bya buri Muturarwanda, kandi inzira y’ubumwe n’ubwiyunge irakomeje. Rushyize ku isonga icyerekezo rwigeneye, rwakiriye UBUDASA bwarwo, buhinduka inganzo y’ubudaheranwa, n’icyizere cyo kuzabaho neza kw’ababyiruka barwo.

Turangajwe imbere n’Umuyobozi Mukuru wacu, Mme Jeannette Kagame, Unity Club Intwararumuri, mu bufatanye na Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge (NURC) na Ministeri y’Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango (MIGEPROF), turategura Ihuriro rya 11 ry’Intwararumuri.

Gusangira icyerekezo, gushyira hamwe, bifite isoko y’ubuhanga n’ubushishozi, kugira injyana y’abashyize hamwe, bigaragarira mu mahuriro afite insanganyamatsiko n’ibyemezo-ngiro bikurikirana, byubakana kandi bisasira ibizubakwa ejo hazaza.

Amahuriro n’insanganyamatsiko bya Unity Club Intwararumuri

Kubaka ubumwe mu banyamuryango, bushingiye mu miryango

Kubaka ubumwe
bw’Abanyarwanda uhereye
mu muryango
(Ihuriro rya 1)

Uruhare rw’Abayobozi mu
kubaka Ubunyarwanda
(Ihuriro rya 2)

Gutwara urumuri rw’ubumwe mu bo tuyobora

Uruhare rw’Abayobozi mu
gushimangira umuco
w’ubworohereye n’ukuri, tugamije
kunga no kubanisha neza
Abanyarwanda
(Ihuriro rya 3)

Intwararumuri mu guhesha
Agaciro Umunyarwanda
twimakaza Ubumwe
n’Iterambere.
(Ihuriro rya 4 n’irya 5)

Inzego z'Igihugu mu kubaka gahunda ya Ndi Umunyarwanda

Ndi Umunyarwanda (Ihuriro rya 6)

Ndi Umunyarwanda :
Icyomoro n'Igihango
(Ihuriro rya 7)

Abarinzi b'Igihango mu mujishi
wa Ndi Umunyarwanda (Ihuriro
rya 8)

Imyaka 20 ! Ubunyarwanda, Ikirezi
twambaye (Ihuriro rya 9)

Inzego z'Igihugu mu guhamya icyerekezo u Rwanda rwahisemo

UBUDASA bw'u Rwanda mu cyerekezo
twahisemo (Ihuriro rya 10)

Mu gihe twitegura kwinjira mu gihe cyo kuzirikana ku nshuro ya 25 Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 no Kwibohora kw'Igihugu cyacu, Unity Club yifuje ko iri huriro rya 11 ryadufasha gukomeza gusigasira UBUDASA bw'u Rwanda tuzirikana insanganyamatsiko igira iti: ***"Ndi Umunyarwanda: Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango"*** .

Impamvu y'iyi nsanganyamatsiko

Insanganyamatsiko nk'iyi ifite inkomoko, ikagira n'aho twifuza kuyerekeza, nk'uko twakomeje gufatanya n'izindi nzego kubisesesengura: Tugarutse kuri

Ndi Umunyarwanda, nk'inkingi yo kubaka amahoro mu muryango uyu munsu n'ejo hazaza.

Turifuza kuzirikana za nkingi eshatu gahunda ya *Ndi Umunyarwanda* yubakiweho ari zo: kwiyumvamo ubunyarwanda (The Rwandan Spirit), Indangagaciro na Kirazira bigamije kwimakaza umuco nyarwanda, maze nk'abayobozi kandi nk'ababyeyi duteranye, twibaze ku cyo twemera ko gikwiriye u Rwanda, igikwiriye umuryango w'Umunyarwanda n'icyo tuwusangamo koko, kandi tukabiganiraho turi kumwe n'urubyiruko rwacu, dore ko ari na rwo ruzagira uruhare runini mu kivi cy'indi myaka 25 twitegura kwinjiramo.

Insanganyamatsiko twahisemo uyu mwaka irahuza kandi n'ibyo twifuza kandi twiyemeje dusoza Ihuriro rya 10, bijyanye n'uko urugendo rwa Ndi Umunyarwanda rwakomeza cyane cyane rushingiye mu muryango, nk'uko bigaragara mu byemezongiro bikurikira:

1. ***“Gukomeza gushyigikira gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'izindi ziyubakiyeho, igashyirwamo imbaraga, kwimakaza ubunyarwanda, ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda, abatuye mu gihugu n'ababa mu mahanga. Gushyigikira imikorere y'Ihuriro ry'ubumwe n'ubwiyunge, ryatangijwe mu Turere n'Imirenge, mu rwego rwo gukomeza umuco w'ubudacyura igihe ku bayobozi, ubwo bufatanye bukaba icyemezo cy'ubudaheza mu miyoborere yacu uyu munsu, (inclusivité)”.***
2. ***“Guhuza uburezi n'uburere tukagira umuryango igicumbi cy'indangagaciro zubaka umuryango n'Igihugu, dushingiye ku bibazo bigaragara mu muryango nyarwanda :***
 - a. *Gahunda y'Umugoroba w'Ababyeyi n'Itorero ryo ku Mudugudu igahabwa imbaraga n'ubwunganizi buboneye, abayobozi n'abo bayobora bakarushaho kuzigiramo uruhare,*
 - b. *Gufatanya hagati y'inzego zitandukanye (Leta n'abikorera n'amadini) zita ku bijyanye n'ibikomere by'amateka y'Abanyarwanda, kugira ngo zikorere mu bufatanye, mu mucyo hitawe by'umwihariko ku babyiruka b'u Rwanda”.*

Nk'urwego rwari rwafashe iya mbere mu gushyira ku murongo ibitekerezo n'inkingi byubatswe gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, mu bufatanye n'izindi nzego, nk'ababyeyi kandi nk'abayobozi, twasanze bikwiye kugaruka kuri iyi

nzira kugira ngo tuyihe imbaraga n’ubuhanga biyikwiriye, tugendeye ku byakozwe n’ibyavuyemo.

Bityo rero kubaka amahoro bihamye nk’uko Igihugu cyabyiyemeje, ni ukuyashinga mu muryango, ni ukuwuha amahirwe yo kongera kuba igicumbi cy’uburere-muntu, n’uburere-mboneragihugu.

Intego rusange: Kubaka mu muryango gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, ukaba igicumbi koko cy’amahoro n’iterambere birambye no kubiremamo umwanya ukwiye w’urubyiruko, ruzaragwa UBUDASA bw’u Rwanda, rufite ububasha bwo kugena no guhitamo icyerekezo kibereye u Rwanda.

Intego zihariye:

5. Guhuza ibitekerezo ku ruhare rw’umuyobozi mu kunoza *Ndi Umunyarwanda* nk’inzira yo kwomora ibikomere mu muryango bwite no mu muryango wa bugufi.
6. Gufata umwanya wo gusesengura inshingano dufite nk’ababyeyi, nk’abakuru kandi nk’abayobozi, mu kumva no kwakira impamvu hakomeje kugaragara ukudahuza no kudahererekanya umurage hagati y’abakuru n’abo baruta (Utaganiriye na se kandi...)
7. Kubaka urubuga rw’ibiganiro mu Ihuriro ry’Intwararumuri, abato bacu bagahabwa umwanya wo gusangiza ubusesenguzi bwabo, ku rwego rwabo rw’abato babyirukira mu Rwanda rwa nyuma ya jenocide.
8. Gutanga imirongo migari y’inzira ikwiriye gahunda ya *Ndi Umunyarwanda* mu muryango no mu rubyiruko, bikoranywe ubuhanga n’ubumenyi mu byo kurera no kubungabunga ibikomere by’amateka adasanzwe nk’ay’u Rwanda, hagaragazwa inzira y’ubudaheranwa.

Umusaruro utegerejwe muri iri huriro rya 11

5. Ihuriro rya 11 rigarutse ku rugendo rwa *Ndi Umunyarwanda* no kwigira uko rwanozwa ngo rushinge imizi mu muryango, no mu rubyiruko, kandi rukomeze.

6. Nk'ababyeyi, abarezi, n'abayobozi, abari mu Ihuriro bemeye kandi bagarutse ku nshingano yo gutuma "kuganira hagati y'abakuru n'abato" byubakirwa urubuga ruhuje n'UBUDASA bw'u Rwanda, hitawe ku mpembe zombi, bikoranywe ubumenyi n'ubushobozi.
7. Hasangiwe ubusesenguzi budasa ku isura y'ukubwirukira mu Rwanda uyu munsu (ku bana no ku babyeyi), bafatanije kurema intango yo guhuza no kuzuzanya hagati y'abakuru n'abato.
8. Herekanywe ko urubwiruko ari rwo shingiro ry'amahoro arambye kuko ari bo ejo h'u Rwanda, ariko igicumbi cy'amahoro kikaba mu muryango, hagaragajwe inzira yo guhuza izi nshingano.

Imigendekere y'Ihuriro rya 11

- 1. Kumurika Urugendo rwa Ndi Umunyarwanda**
- 2. Ikiganiro nyungurana bitekerezaho cy'Urubwiruko: "Tubwirukira aho mwaturaze, uko twahasanze ... »**
- 3. Ikiganiro nyunguranabitekerezaho –Ndi Umunyarwanda, icyomoro n'igihango, inkingi y'amahoro arambye mu muryango, hitawe ku rubwiruko by'umwihariko.**

Gikubiyemo ibice bitatu byuzuzanya n'ijambo ry'abato ku buryo bukurikira:

- Guhererekanya umurage n'ubumenyi mu muryango, imwe mu nkingi eshatu gahunda ya *Ndi Umunyarwanda* yubakirweho.
 - *Ndi Umunyarwanda*, urugendo rwomora ibikomere by'amateka, rugarura igihango cyatirirwe n'abakuru, rukakiraga ababwiruka b'u Rwanda, mu cyerekezo cyuje ubudaheranya.
 - *Ndi Umunyarwanda*, mu gusubiza umuryango inshingano zawo nk'igicumbi cy'uburere n'indangagaciro z'Umunyarwanda.
4. **Imirimo mu matsinda:** Buri tsinda rizagaruka ku ngingo imwe yihariye y'ikiganiro cya kabiri. Ibitekerezaho bikuru bizaba byatanze, bisesengurwe, byunganirwe, ibivuyemo bibe intango z'ibyemezo-ngiro. Abatanze ikiganiro bazafasha imirimo y'itsinda rigaruke ku kiganiro batanze.

- Itsinda rya mbere: Guhererekanya umurage n’ubumenyi mu muryango. imwe mu nkingi eshatu gahunda ya *Ndi Umunyarwanda* yubakiweho.

Facilitator & Rapporteur: **Hon. Joseph NSENGIMANA**

- Itsinda rya kabiri: *Ndi Umunyarwanda*, urugendo rwomora ibikomere by’amateka, rugarura igihango cyatatiwe n’abakuru, rukakiraga ababyiruka b’u Rwanda, mu cyerekezo cyuje ubudaheranza.

Facilitator & Rapporteur: **Hon. Solina NYIRAHABIMANA**

- Itsinda rya gatatu: *Ndi Umunyarwanda*, mu gusubiza umuryango inshingano zawo nk’igicumbi cy’uburere n’indangagaciro z’Umunyarwanda.

Facilitator & Rapporteur: **Hon. Edda MUKABAGWIZA**

Buri tsinda kandi rirasabwa:

- Kugaruka ku kiganiro cy’Urubyiruko “Tubyirukira aho mwaturaze, uko twahasanze ... », hasesengurwa kandi hashakirwa ibisubizo ku bibazo urubyiruko rukibaza.
- Kugaruka ku busesenguzi bwakozwe kuri gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*.
- Kuganira no kungurana ibitekerezo ku byakorwa kugira ngo iki gika gishya kigire imbaraga zabanje kinirinde ibyanenzwe, kinareme ibishya bitari byatekerejwe.

Buri tsinda rizaba rifite abanditsi 2 bavuye muri Unity Club no muri NURC.

5. Kumurika ibyavuye mu matsinda

6. Gutanga Ishimwe “Unity Award 2018”

Kuva mu mwaka 2010, Umuryango Unity Club Intwararumuri watangije ishimwe ry’Ubumwe *Unity Award*, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y’u Rwanda, abimburira abandi, hakurikiyeho amashyirahamwe yagaragaje ibikorwa by’indashyikirwa mu bumwe n’ubwiyunge.

Mu mwaka 2015, hatangijwe gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, Unity Club, mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'inzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, bateguye igikorwa kigamije kumenya no kumenyekanisha abagize ibikorwa by'indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda hagamijwe gukomeza kwimakaza ubunyarwanda, izo ndashyikirwa zahawe izina ry'"ABARINZI B'IGIHANGO". Nk'uko byagenze mu myaka ishize, no mw'Ihuriro rya 11, tuzizihiza Abarinzi b'Igihango, bahabwe *Ishimwe Unity Award*.

Abatumirwa

Nk'uko bisanzwe, hazatumirwa Abayobozi bo mu nzego nkuru z'ubuyobozi bw'Igihugu kugeza ku bayobozi b'Uturere, Abayobozi b'amadini n'Abikorera. Hatumirwa kandi Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu.

Umwihariko w'uyu mwaka: Bitewe n'insanganyamatsiko izaganirwaho, hifujwe ko hazatumirwa urubyiruko ruhagarariye abandi ngo bagaragarize abayobozi ibyifuzo byabo, ingamba bafitiye Igihugu cyabo n'uko bafashwa mu kwiubaka.

UMUGEREKA WA 2:

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU
IHURIRO RYA 11 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI**

Intare Conference Arena, Ku wa 26 Ukwakira 2018 1

Ba Nyakubahwa mu Nzego Nkuru z'Igihugu cyacu,

Bavandimwe Ntwararumuri,

Batumirwa Bacu bahire,

Abarinzi b'Igihango,

Namwe Rubyiruko, Bana bacu, Muraho neza!

Mbanje kubashimira uyu mwanya twafashe, kugira ngo tuganire ku nsanganyamatsiko yacu: **Ndi Umunyarwanda, Inkingi yo kubaka amahoro mu muryango.**

Munyemerere dufate uyu mwanya, twongere twifurize ikaze Abanyamuryango bashya, twungutse muri uyu muryango wacu.

Ndashimira imyanzuro yavuye mu matsinda, abatuganirije mu gitondo, cyane aba bana bacu bemeye kudusangiza ukuri k'urungano. Umukoro mwaduhaye tuzafatanya kuwuvugutira umuti!

Nifuje ko twongera kwibukiranya 'Ndi Umunyarwanda', n'icyo igamije kugira ngo bidufashe kujya twisuzuma neza. Bajya bavuga ngo: "Niba wifuza kwihuta genda wenyine. Ariko niba wifuza kugera kure gendana n'abandi". Urugendo rwacu nyuma ya Jenocide, rwadusabye kugendera hamwe, mu bumwe, tutirengagije ibikomere biterwa n'amateka yacu. Iyo tuza kugenda buri wese ukwe, tuba dufite ibice birenze uko tungana! Amahitamo yacu rero, niyo yatumye dushobora kwicarana uyu muni, tugaha umurongo igihugu cyacu, tukarebana mu maso tutishishanya, tukubura amaso twemye, tukareba umugabane wacu n'isi muri rusange. U Rwanda, sicyo gihugu cyonyine gifite ingirwamoko zitandukanye

baduhaye iwacu! Hari ibindi bihugu biyafite kandi y’ukuri ndetse bakagira na byinshi bibatandukanya. Nyamara bamwe muri abo ni abashishikariye iterambere n’amahoro arambye mu bihugu byabo, uzasanga akenshi bakomera ku gihugu cyabo na identity yabo, bigasumba ibindi byose byabatandukanya, bikabafasha kugera kure. Babishobozwa kenshi, n’uko haba harabanje gushyirwaho umurongo wa Politiki muzima. Maze amategeko akagaragaza umurongo ntarengwa, ku muntu wese wakwirengagiza inyungu z’igihugu cyangwa watatira “identity” y’Abenegihugu.

Ndi Umunyarwanda yacu yo, si amahame abantu bashyiraho gusa ngo yubahirizwe, ahubwo ni uburyo bw’imibereho, imitekerereze n’imikorere – mode de vie. Umukuru w’Igihugu cyacu yarabitwibukije, mu Ihuriro ryacu ryo mu 2014 aho yagize ati: «Ibigize Ndi Umunyarwanda bivugwe buri muni. Ariko icyangombwa kurushaho: duhaguruke, dutangire tubishyire mu bikorwa, bibe umuco, bibe ibituranga bya buri muni mu kubaho kwacu.»

Ntibyari byoroshye, kugenda urugendo rutugeza aho buri wese mu bacu abasha kwivugira koko ati « Ndi Umunyarwanda ! » Umwanditsi witwa Sen mu gitabo cyeye yise “Identity and Violence” yagize ati: “A strong and exclusive sense of belonging to one group can in many cases, carry with it the perception of distance, and divergence from other groups”. Yashakaga kwerekana ko rimwe na rimwe, kwizirika ku isoko yawe gusa, cyangwa aho ukomoka, bigutera gusobanya n’abandi, kandi mugomba kujyana niba ushaka kugera kure koko! Murumva ko dukwiriye kubanza gukira ibikomere ubwacu, kugira ngo dukize abato, tubahe umurage mwiza.

Uko duhererekanya ibikomere n'ubudasa bw'u Rwanda, bigera no ku rubyiruko rwacu. Urubyiruko rwatuganirije rwagarutse ku byo umuhanga witwa Marianne Hirsch² mu gitabo yise 'The generation of the postmemory' avuga: La notion de "postmémoire" désigne la relation que la "génération d'après" entretient avec le traumatisme personnel, collectif et culturel subi par ceux qui l'ont précédée, avec des expériences dont elle ne "se souvient" que par le biais d'histoires, d'images et de comportements, au milieu desquels elle a grandi ». Igihugu cyacu gishyiraho Politiki nziza, kandi tukita ku kuyitoza ababyiruka. Imwe mu nzira izadufasha

2 Marianne Hirsch - La notion de "postmémoire" désigne la relation que la "génération d'après" entretient avec le traumatisme personnel, collectif et culturel subi par ceux qui l'ont précédée, avec des expériences dont elle ne "se souvient" que par le biais d'histoires, d'images et de comportements au milieu desquels elle a grandi. Mais ces expériences lui ont été transmises si profondément et avec tant d'émotion qu'elles semblent constituer une mémoire en tant que telle. Comme je la conçois, la connexion avec le passé que je définis comme postmémoire ne s'opère pas au travers d'une forme particulière de remémoration, mais d'un investissement imaginaire, d'une projection et d'une création.

Kubigeraho, ni uguharanira gusigasira amateka yacu, tukayakomeraho, tukayatoza n’abakiri bato, nabo bakazayahererekanya n’abazabakomokaho. Kubimenya kandi tukabizirikana, ni ko kuba Mukuru. Bavandimwe Ntwararurumuri, Twahanganye n’ibihe bigoye, bifite ingaruka z’igihe kirekire ku bana bacu.

N’ubwo tutahindura amateka, hari byinshi twamaze gusobanukirwa, ariko na none ibisigaye ntibizikemura. Ni inshingano z’umuyobozi gukora urugendo rwo kwakira amateka yacu, akiyemeza kubaka u Rwanda. Ariko ntagomba kugenda wenyine. Ni inshingano ye na none gufatanya n’abo ayobora, kugira ngo nabo, babashe gutera intambwe yo kubana neza n’amateka yacu, bityo babashe kureba inyungu z’Abanyarwanda n’u Rwanda mbere ya byose.

Gukomeza kugaruka ku muryango, mu gaciro kawo no mu bibazo biwugaragaramo, bifite ishingiro kuko umuryango ari umufatanyabikorwa mu miyoborere, no mu imibereho y’Igihugu. Rubyiruko, Bana Bacu, Hari byinshi mwarebesheje amaso y’abana, ubu bibaremereye. Hari n’ibyo mwabonye bikababera umutwaro; ndetse hari n’ibyo mutaciye iryera ariko bibabera umuzigo. Hari bamwe muri mwe musa n’abibuka ibyo mutazi, kuko mwari bato cyane. Ndifuzaga guhumuriza abato bagizwe imfubyi na Jenocide. Nigeze kubabwira ko iyo umuntu abarebye, ababonamo icyizere ku buryo utatekereza ko mwakomeretse. Abamaze iminsi bakurikira urubuga rwitwa Humans of New York, mwabonye inkuru ivuga uko Umukuru w’Igihugu cyacu yigeze kuganiriza abarokotse jenocide, ababwira ko Igihugu cyabasabye ibikomeye kandi bakemera.

Mwarakoze kubyumva kandi muri bato. Muhumure ababyeyi turahari, tuzakomeza gufashanya mu rugendo rwo kudaherwanwa mwatangiye. Rubyiruko bana bacu, mwese mukeneye kwitabwaho, buri wese agaherekezwa mu ntambwe ye agezeho. Turabibijeje! Twebwe nk’abakuru, tuzabaherekeza mu nyota n’umuhate mufite wo gushakira umuti ibibazo twibaza, n’icyo dukora ngo Ntibizongere. Ibi bizabafasha namwe gufasha abandi, cyane cyane ko tugiye kugera mu gihe cyo kwibuka no kwibohora ku nshuro ya 25! Imyaka 25 mu buzima bwa muntu no mu mateka yacu ni igihe kitari gito. Tuzaba twinjiye mu kindi cyiciro cy’urungano. Dukwiye no kwishimira ko tuzaba tumaze imyaka 25, dufite abana bakuze batitirirwa amoko, kuko Politiki yacu yahisemo Ubunyarwanda.

Aka gakoni rero mugakomeze hatazagira udusubiza inyuma. 9 Uyu muni, rero mumenye ko nta gihemu mufitiye Igihugu. Uwari we wese washaka kubarebera muri iyo shusho, ntumukamuhe uwo mwanya, mukomeze kwiubakira u Rwanda. Mukoreshe amahirwe twahawe n'ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, murushaho gushakisha icyazana amahoro arambye uko ni ko gukira nyako. Iryo naryo ni ishamba rya "Ndi Umunyarwanda". Nifuje gusoma iri jambo nkoresha ubutumwa bukubiye mu ndirimbo y'Umuhanzi, Nyakwigendera Cassien Twagirayezu. Yagize ati: Umuntu nyamuntu akunda amahoro Akayifuriza na bagenzi be Ahora ashaka icyamuteza imbere Ahora yamagana uburyamirane.

3 Cassien Twagirayezu, ni umuhanzi wavukiye I Mushubi mu Karere ka Nyaruguru, yize mu Kigo cy'Abafite ubumuga I Gatagara. Iyi ndirimbo yayihimbye mu myaka ya za 1990. Yakoraga mu ruganda Socorwa, yaje kwicwa azize Jenoside. (<https://www.youtube.com/watch?v=sq5tDK9cdws>)

Umuntu nyamuntu si umwe bose bishisha Si umwe urenganya, si n'umwe uriganya
Umuntu ni Nyamutima ukunda abandi. Mu mirimo ye yitwaza umutimanama
Yirinda icyamusiga ubuhemu Ntabwo yironda ntarondaronda Ng'uwo umurage
bana b'u Rwanda Urwo runana rukwire Afrika yacu Iyo mpumeko yuzure ituze mu
isi yose. Buri wese mwifuriye kuba umuntu nyamuntu. Ndi Umunyarwanda
izatworohera kuyimika, kandi ibe isooko y'amahoro mu miryango, igihugu cyacu,
Afrika n'isi yose.

Murakoze!

UMUGEREKA WA 3:

IBYEMEZO-NGIRO

IHURIRO RYA 11 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

IBYEMEZO-NGIRO

Tugamije kubaka mu muryango gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*,
ukongera ukaba igicumbi cy'amahoro n'iterambere birambye no
kubiremamo umwanya ukwiye w'urubyiruko, ruzaragwa UBUDASA
bw'u Rwanda, rufite ububasha bwo kugena no guhitamo icyerekezo
kibereye u Rwanda n'Abanyarwanda.

Twiyemeje:

1. Gufatanya n'izindi nzego gutegura ikindi gika cya gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, dushingiye ku byagaragaye mu rugendo tumazemo imyaka itanu, tukayihira uburyo bwo kwinjira mu muryango no gusubiza ibibazo abato bafite mu miryango (kuwugira no kuwubura), kuhubaka ibiganiro, kwomora ibikomere no kubaka ubudaheranza.
2. Gufatanya n'inzego z'ubuyobozi tukarushaho kubaka ubumenyi mu bigendanye no kurerera ndetse n'ukubwirukira mu gihugu gifite amateka nk'ayacu, tukabishingiraho twubaka gahunda zitandukanye zo kunganira urubyiruko n'abana bavuka ku Banyarwanda, aho baba batuye hose.
3. Gusesengura inshingano dufite nk'ababyeyi, nk'abakuru, nk'abarezi kandi nk'abayobozi, mu kumva no kwakira impamvu hakomeje kugaragara ukudahuza no kudahererekanya umurage hagati y'abakuru n'abo baruta (Utaganiriye na se nyamara...), twifashishije ubumenyi bumaze kugwira ku bituma société ishobora kuyoba, ikanagera kuri jenocide. Kubireba tutabihunga no kubyubakira inzira y'ibisubizo, kuko ibitaratungana bitatwibagiza ko twageze kuri byinshi, kubibonera umuti bikazana uburambe bw'amahoro twagaruye mu Rwanda.
4. Kubaka urubuga rw'ibiganiro ruhoraho, hagati y'urungano ku ngeri zose, hagati y'abakuru n'abato, Intwararumuri

zikarumurikira mu bumenyi, uburambe mu “gusasa inzobe” ukuri n’ubworoherane, mu budacyurigihe mu nshingano, no mu buvugizi. Bityo gahunda zitangiye zikabona ubwunganizi burambye, umusaruro wazo ugasigasira rwa ruhererekane hagati y’abakuru n’abato, UBUDASA bw’u Rwanda bakabushyikira bukazamurikira icyerecyezo kiri imbere.

5. Dufatanije n’inzego z’ubuyobozi, gufata iya mbere tukabana n’urubyiruko mu kwitegura Kwibuka 25, tukumva icyo bafite ku mutima, tukifashisha ubuhanga bw’inararibonye mu Rwanda no mu mahanga, bityo Kwibuka25 bikazaduha kongera gusobeka ubumwe n’ababyiruka (intergénérationnel), kumenya agaciro n’ikiguzi cya « ntibizongera ukundi », biri mu maboko y’ababyiruka b’u Rwanda, bihereye mu muryango.
6. Kumenya ibibazo biri mu muryango w’Umunyarwanda, guhaguruka tugafatanya twese, inzego ndetse n’abantu ku giti cyabo, tugamije kavura ibitotsi biri mu muryango uyu muni, ntibiharirwe Minisiteri ibifite mu nshingano cyangwa Polisi. Umuco mwiza wo kurera umwana wawe ariko n’uw’umutarinyi ukamwumvaho inshingano yawe nk’umukuru, ntitwemera kuba ba “nyamwigendaho”, bigenda bitera mu bantu. (Kumenya umuryango wo hambere, uw’uyu muni, none n’ejo hazaza, bigahuzwa n’icyerekezo dufite)

UMUGEREKA WA 4:

GAHUNDA Y'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IBYEMEZO - NGIRO BY'IHURIRO RYA 11 RYA UNITY CLUB

Imyanzuro	Igikorwa	Inzego bireba	Abafatanyabikorwa	Igihe
1. Gufatanya n'izindi nzego gutegura no gushyira mu bikorwa ikindi cyiciro cya gahunda ya Ndi Umunyarwanda, twibanda ku gucyemura ibibazo biri mu muryango nyarwanda	1. Gutegura iteganyabikorwa rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda ry'imyaka itanu (Strategic plan)	NURC	Komite Tekinike ya Ndi Umunyarwanda	Gashyantare-Kamena 2019
	2. Kuvugurura inyoborabiganiro ya Ndi Umunyarwanda, hibandwa ku mwihariko w'ababyiruka.	NURC	Komite Tekinike ya Ndi Umunyarwanda	Gashyantare-Kamena 2019
	3. Gukora ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda byimbitse hagati y'abatuye Umudugudu/Isibo	MINALOC/ Uturere,	-NURC -MIGEPROF -Abarinzi b'Igihango -Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Karere	Guhera Nyakanga 2019
	4. Gukora ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda bigenewe Abanyarwanda baba muri Diaspora	- MINAFFET na Ambasade z'u Rwanda mu mahanga	-NURC -Unity Club	Guhera Gashyantare 2019
	5. Gutegura abayobora ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu buryo bufasha abantu gusasa inzobe no kubohoka (Komite	- MINALOC/ Uturere - MINAFFET na Ambasade z'u Rwanda mu mahanga	-MIGEPROF -MINIYOUTH -NIC -NURC -Unity Club	Gashyantare – Werurwe 2019

	z’umugoroba w’ababyeyi, abayobozi b’amasibo n’abari mu mahanga...)			
2. Gufatanya n’inzego z’ubuyobozi mu kubaka ubumenyi mu kurerera no kubyirukira mu gihugu gifite amateka nk’ayacu	6. Gukora inyigo yimbitse ku kibazo cy’ibikomere n’ihungabana mu rubyiruko mu byiciro bitandukanye no gushyiraho ingamba zakoreshe mu gukemura iki kibazo hirindwa ko cyaba uruhererekane	Unity Club	-MIGEPROF - MINALOC/Uture re -NURC -CNLG -Civil Society	Gashyantare-Kamena 2019
	7. Kugeza Itorero Urunana rw’Urungano ku rwego rw’Akarere	MINIYOUTH	- MINALOC/Uture re -NIC -NURC -CNLG -NYC -Unity Club -IMBUTO FOUNDATION	Umwaka w’ibikorwa 2019/2020
	8. Gutanga ibiganiro ku barimu n’ababyeyi mu byiciro byose, ku mirerere y’abana, ku mateka y’u Rwanda/Urugendo rwa Ndi Umunyarwanda	MINEDUC/REB	- MINALOC/Uture re -MIGEPROF -NURC -NIC -Unity Club -Civil Society CBOs	Werurwe – Nzeri 2019

3. Gusesengura no kumva inshingano dufite nk'ababyeyi, nk'abakuru, nk'abarezi kandi nk'abayobozi, mu guhererekanya umurage mwiza hagati y'abakuru n'abo baruta

9. Ibiganiro-mpaka n'ibitaramo ku maradiyo, televiziyo bihoraho bigahuza abakuru n'abato bakaganira kuri Ndi Umunyarwanda no ku burere bw'abana n'indangagaciro z'umuco nyarwanda.	RBA, ,	-MINISPOC -MINALOC -MINIYOUTH -NURC -NYC -RALC -REAF -Unity Club -Itangazamakuru ryigenga	Guhera Gashyantare 2019
10. Gukangurira ababyeyi kugira umwanya wihariye wo kuganira n'abana babo, umuryango ukaba Itorero ry'ibanze aho abana batorezwa indangagaciro z'umuco nyarwanda, bakanahamenyera amateka y'umuryango	MINALOC/ Uturere	-MIGEPFROF -MINISPOC -NIC -RALC -Unity Club	Guhera muri Nzeri 2019
11. Gukora ubushakashatsi ku isano iri hagati y'amakimbirane ari mu muryango ibikomere n'ihungabana bituruka ku mateka igihugu cyacu cyanyuzemo.	NURC	MINALOC, MINISPOC MIGEPFROF, MINISANTE, MINIJUST, CNLG	Nyakanga – Ukuboza 2019

	12. Kwegereza abaturage ku rwego rw'Umudugudu ubufasha mu by'ihungabana no komora ibikomere hashyirwaho itsinda ribishinzwe kandi rikubakirwa ubushobozi (community healing program)	MINISANT E	- MINALOC/Uture re -CNLG -NURC	Guhera Gashyantare 2019
	13. Gufatanya n'imiryango ishingiyeye ku myemerere mu gukangurira imiryango kubana neza hitawe ku mwihariko w'umuco n'amateka y'igihugu cyacu.	MINALOC/ Uturere	-MIGEPFROF -RGB -NURC -Unity Club	Guhera muri Gashyantare 2019
4. Kubaka urubuga rw'ibiganiro ruhoraho, hagati y'urungano ku ngeri zose no hagati y'abakuru n'abato, ku bibazo biri mu muryango no ku gihugu twifuza	14. Gukora ubushakashatsi bwagaragaza umuryango twifuza, ushingiyeye ku muco nyarwanda n'iterambere.	Unity Club	-MIGEPFROF -NURC -REAF	Guhera muri Kamena 2019
	15. Gukora imfashabiganiro ishingiyeye kuri ubwo bushakashatsi	Unity Club	-MIGEPFROF -NURC -REAF	Nzeri – Ukuboza 2019

	16. Gukangurira imiryango kugira umukuru w’umuryango (Umutware w’umuryango) n’inama y’umuryango aho abagize umuryango baturira bagashyikirana, bakanoza imibanire n’abaturanyi bagakemura ibibazo igihe byavuka	MINALOC/ Uturere	-MIGEPROF -MINIJUST -NURC -REAF -Unity Club	Gashyantare –Nyakanga 2019
5. Guha urubyiruko umwanya mu nama z’Ihuriro rya Unity Club no mu Mahuriro y’Ubumwe n’Ubwiyunge ku rwego rw’Akarere n’Umurenge	17. Kumenya amatsinda n’inzego z’urubyiruko no gukorana na yo, tubakangurira kugeza ku bandi intekerezo ya Unity Club na Ndi Umunyarwanda	Unity Club	-MINALOC/ Uturere -MINIYOUTH -NURC -NYC	Guhera muri Gashyantare 2019
6. Gufatanya n’izindi nzego mu gutegura Kwibuka 25 no Kwibohora 25, hazirikanwa urubyiruko.	18. Gutegura ibiganiro byihariye binyujijwe mu runana rw’urungano n’andi mahuriro bitegurira urubyiruko ibikorwa byo kwibuka no	MINIYOUTH	-CNLG -NCY -NURC -IMBUTO FOUNDATION -Unity Club	Gashyantare – Nyakanga 2019

	Kwibohora nshuro ya 25	ku			
--	---------------------------	----	--	--	--